Mu by'ukuri Allah Nyir'ubutagatifu arambura ibiganza bye mu ijoro kugira ngo ababarire uwamukoshereje ku manywa, akanarambura ibiganza bye ku manywa kugira ngo ababarire uwamukoshereje mu ijoro, ibyo bizakomeza gutyo kugeza ubwo izuba rizarasira mu burengera bwaryo

Hadith yaturutse kwa Abu Mussa (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mu by'ukuri Allah Nyir'ubutagatifu arambura ibiganza bye mu ijoro kugira ngo ababarire uwamukoshereje ku manywa, akanarambura ibiganza bye ku manywa kugira ngo ababarire uwamukoshereje mu ijoro, ibyo bizakomeza gutyo kugeza ubwo izuba rizarasira mu burengera bwaryo."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: Mu by'ukuri Allah Nyir'ubutagatifu yakira ukwicuza kw'abagaragu be; Iyo umugaragu we amukoreye icyaha ku manywa mu ijoro akicuza, Allah yakira ukwicuza kwe, n'iyo akoze icyaha mu ijoro akicuza ku manywa, Allah yakira ukwicuza kwe. Anarambura ibiganza bye kugira ngo ababarire kubera kubyishimira no kubyakira, kandi umuryango w'imbabazi uzahama ufunguye kugeza ubwo izuba rizarasira mu burengera bwaryo nk'ikimenyetso cyo kurangira ku isi, niriharasira icyo gihe uwo muryango uzafungwa.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/4318